REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISTERI Y'URUBYIRUKO
NO GUTSURA ZA KOPERATIVE

UMUSHINGA MICRO-REALISATIONS

Kigali, kuwa 06 Ukuboza 1988

A traiter par ..........
Date entrée : 17/1/89
N° Classement : 0375/11.04

Bwana Perefe wa Perefegitura ya Kibungo

KIBUNGO

Impamvu : Raporo y'ihugurwa

D 69
18.1.89

Bwana Perefe,

Hamwe n'iyi baruwa, mbohererereje raporo y'ihugurwa ku "micungire y'umushinga" ryabereye i Kigali kuva kuwa 17 kugeza kuwa 19 Ukwakira 1988. Ihugurwa ryahuje abanyamishinga bo muri Perefegitura ya Kibungo bashyigikiwe n'umushinga "Micro-réalisations" ari bo aba :

- Umuyobozi w'ishyirahamwe ry'ababaji ba Rugarama (I.A.R.)
- Umuyobozi w'ishyirahamwe ABADATENGUHANA
- Umuyobozi w'ishyirahamwe P.C.M.G.
- Umuyobozi w'ishyirahamwe COMENYA
- Umuyobozi w'ishyirahamwe AJEMU
- RUBAGUMYA Gérase
- MWUMVANEZA Céléstin na
- SEKABWA Alexis.

Bahuguwe mu buryo bwo gukorana n'inzego z'ubutegetsi nka B.R.D., MINIJUST ... mu micungire y'umushinga :

. ihitamo ry'umushinga
. kumenya ibikenewe n'aho bizakomoka
. intego z'umunyamushinga n'uko zagerwaho
. ibitabo by'ibanze mu icungamutungo.

Turasaba ko abo banyamishinga bakwitabwaho n'ubutegetsi bwa komini bakomokamo, bubasura ngo bumenye imikorere yabo.

Umushinga "Micro-réalisations" nawo uzakomeza gusura iyo mishinga no gukurikiranira hafi imicungire yayo.

Projet RWA / 87 / 004 Micro-Réalis...

Yozefu KURAZIKUBONE.

Umuhuza w'ibikorwa by'umushinga "Micro-réalisations" mu rwego rw'igihugu

Bimenyeshejwe :

- Bwana Ministiri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative

  KIGALI

- Bwana Burugumestiri wa Komini ...........

  KIBUNGO

- Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko na za Koperative wa Perefegitura ya KIBUNGO - KIBUNGO
- Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko na za Koperative wa Komini ...........
- Bwana Umuyobozi w'ishyirahamwe .............
- Bwana .....................

UMUSHINGA MICRO-REALISATIONS
c/o MINISTERI Y'URUBYIRUKO NO
GUTSURA ZA KOPERATIVE
B.P. 1044
KIGALI

# RAPORO Y'IHUGURWA RY'ABANYAMISHINGA BO MURI KIBUNGO BAMAZE GUTERWA INKUNGA N'UMUSHINGA "MICRO-REALISATIONS"

Kuva kuwa 17 kugeza kuwa 19 Ukwakira 1988

Kigali, Ukwakira 1988

A. IMPAMVU

Gukangurira abafashwa n'umushinga kwicungira neza umutungo.
Ababonye inguzanyo kimwe n'abataragurizwa n'umushinga bagomba kumenya uburyo bwo kubyaza inyungu umutungo wabo, bityo n'imishinga yabo ikagirira rubanda nyamwinshi akamaro.

B. UKO IHUGURWA RYAGENZE

GIHANA Emmanuel yagejeje ku bari mw'ihugurwa ibyangombwa bigomba kuzirikanwa kugirango imirimo yo kubaza igende neza.

Ikiganiro kerekeranye no kubaza cyakurikiwe n'ibibazo by'abanyamyuga.

Bimwe mu byo tugomba kuzirikana

1. Tugomba gukora ibintu bikomeye buri gihe kugirango tubone isoko.
2. Nta na rimwe tugomba gutagaguza imbaho kuko zigura amafaranga byongeye kandi twa duce dusaguka tuba dufite akamaro.
3. Tugomba gukoresha igihe cyacu neza kuko ari isegonda, umunota cyangwa isaha, iyo bigiye ntibigaruka.
4. Ibyuma ntibigomba kunyanyagizwa aho ari ho hose hagomba isanduka ifungwa buri gihe iyo ari ngombwa.
5. Birabujijwe kurwanira muri ateliye.
6. Abafatanije akazi bagomba kuumvikana bakamenya uko umushinga wabo ukora cyane cyane ibyerekeye amafaranga.
7. Birabujijwe gusindira muri ateliye kuko hangirika byinshi.
8. Tugomba kwitondera gukomeretsa abandi igihe dukora cyangwa tuvuye gutyaza ibyuma.
9. Ibikoresho bigomba kuba bityaye bihagije kugirango akazi korohe kandi kabe keza.
10. Tugomba guhimba ibintu bishya tukanagerageza gushushanya kugirango ibyatekerejwe bishyirwe mu bikorwa.
11. Tugomba kwitegereza ibintu abandi bakora cyane cyane iyo twagiye aho ducyeka ko hari ibisumba ibyo dukora byashoboka tukabyigana.
12. Amashyirahamwe yegeranye agomba guhura kenshi akungurana ibitekerezo.
13. Si ngombwa cyane gushaka guhurira n'andi mashyirahamwe i Kigali, ahubwo hajya hakorwa inama rusange y'amashyirahamwe mu rwego rwa komini cyangwa urwa perefegitura mubifashijwemo n'abayobozi b'urubyiruko, burugumestiri n'abandi bategetsi babishinzwe.
14. Byaba byiza amashyirahamwe ahahiranye cyane cyane imbaho. Abafite nyinshi bakagemurira abandi bakurikije ibyemezo bafatira hamwe.

GIHANA Emmanuel

Umushinga w'ubudozi n'ububaji i Gitara (P.C.M.G.)

Uwo mushinga ufite intego nziza yo gushakira akazi urubyiruko no kwongera umusaruro wa ba nyirawo.

N'ubwo iyo ntego yabo ari ntamakemwa, kuyigeraho ntibyaborohera na gato badahinduye imikorere yabo. Urwego rw'ubutegtsi rurahuzagurika ku buryo, uretse no kudakurikirana imirimo y'abakozi b'umushinga (abasore barangije CERAI bakora mw'ibarizo), imari y'umushinga ishobora gukoreshwa na perezida cyangwa umubitsi w'umushinga nta wundu ubizi kuko buri muntu afite uburenganzira bwo kubikuza muri banki wenyine. Birumvikana ko imicungire y'umutungo ikomeje kumera ityo ikanakubitiraho ikibazo cyo kutabasha gusaranganya neza akazi hagati y'ababaji, uwo mushinga utatera kabiri.

Kugirango ikibazo cy'imiterere y'inzego n'imicungire y'imari gikemurwe, uwo mushinga ukeneye inkunga mu rwego rw'amahugurwa. Bakeneye kugirwa inama nyinshi mu gucunga neza umutungo kugira ngo n'inguzanyo bahawe ibagirire akamaro kandi ibashe no kwishyurirwa igihe.

Ishyirahamwe ABADATENGUHANA bo muri Sake

Uwo muryango ugizwe n'ababaji batanu n'abasatuzi bane barangwa n'umurava ariko bakagira ibibazo byinshi.

Ni nk'aho bagitangira ku buryo no kugera mu nzego z'ubutegetsi bibatonda. Dore ikibazo cy'uruhusa rwo gutema ibiti cyarabajujubije ariko, buhoro buhoro, kizakemurwa. Kuri ibyo hikubitaho n'ubuke bw'umutungo. Muri make iryo shyirahamwe ni iryo gushyigikirwa, rikagirwa inama kandi rigashakirwa n'uburyo bwo kwivana mu bukene bw'amafaranga. Ntawabura aho ahera afasha uwo muryango kuko, uretse ko urwo rubyiruko ruwugize rugihuzagurika, inzego zawo ziteye neza ugereranije n'igihe iryo shyirahamwe rimaze.

Uruhusa rwo gutema ibiti no gusatura imbaho ruramutse rubonetse, inguzanyo iryo shyirahamwe ryahawe yakwishyurwa nta ngorane.

COMENYA (Koperative y'ababaji b'i Nyarubuye)

Uwo muryango ugizwe n'abasore batanu barangwa n'inyota yo kumenya n'ubwo bwose imbaho ziboneka kure y'aho bakorera. Uretse icyo kibazo cyo kubona ibikoresho ku buryo bubangutse, abo babaji bifuza gusura abandi banyamyuga kandi bakifuza gucengera uko umutungo ucungwa.

Imiterere y'inzego za COMENYA ni myiza, uwayigenderaho yabatera inkunga cyange abagira inama mu micungire y'umutungo. Abo basore bagize COMENYA baranifuza nabo ko umushinga wabo wakwigwa ngo nabo babone inguzanyo itubutse.

AJEMU (Ishyirahamwe ry'abasore bo muri Mugesera)

Abo basore umunani bumvwa n'inzego z'ubutegetsi ariko bo ubwabo bahora bategereje ak'imuhana. Kugeza ubu nta tegeko bagenderaho ku buryo no gukora akazi bahora basigana. N'iyo inzego zaba ziteye neza iyo zidakoze zirutwa n'izikora zihuzagurika. Uwo muryango ni uwo gukurikiranirwa hafi.

I.A.R. (Ishyirahamwe ry'Ababaji ba Rugarama

Iryo shyirahamwe rikeneye kwongera umubare w'abarigize kuko bane bonyine batatuma ribona ubuzima-gatozi; kandi bazi neza ko nta muryango ubona ubwo buzima-gatozi utagejeje ku banyamuryango barindwi nibura.

Ubwo birumvikana ko n'abakozi batatu iryo shyirahamwe rikeneye ari abo kwongera ibikorwa ariko ntibabarirwa mu muryango batujuje ibya ngombwa.

N'ubwo kubasura atari bibi, icyakora ingorana bafite mu mikorere rusange zisa n'aho ari ntazo uretse gushakisha uko bakongera isoko ry'ibintu byabo.

MWUMVANEZA Céléstin (Komini Rusumo)

Uwo mubaji yikorera ku giti cye kandi akazi arakamenyereye ndetse no gucunga umutungo asa n'ubizobereyemo. Amaze kugurizwa gatatu na Banki y'abaturage kandi ibikorwa bye biragaragara. Afite inyota yo guhugurwa mu micungire y'imari kugirango yuzuze ubuhanga bwe bwa kimeza. Asuwe kenshi byatuma arushaho gukaza umurego.

SEKABWA Alexis (Rusumo)

Umutetsi w'imigati wikorera ku giti cye, afite akarere kanini agaburira kandi uwo murimo arawumenyereye. Imari yo gushora yarayibonye, ahasigaye, akeneye inama zo kuyakoresha neza.

*

* *

Bamaze kungurana ibitekerezo, abahuguwe basuye amabarizo yo mu bigo bikurikira :

- Ikigo cy'urubyiruko cy'i Gacuriro (Komini Rubungo)
- Ikigo cy'urubyiruko cyo mu Gatenga (Komini Nyarugenge)
- Ikigo cyo ku Kimihurura (Nyarugenge).

Uko ayo mabarizo akurikirana ni na ko arushanwa mu gukora neza no gutunga ibikoresho byinshi. Icyakora n'ubwo ugeranyije, i Gacuriro ariho bakora ibitameze neza cyane, ntawakwiheba ngo avuge ngo ntacyo azageraho adafite ibikoresho bihanitse.

Icy'ingenzi ni ukwitondera icyo ukora kandi abo banyamyuga bahuguwe ntibabuze ibikoresho by'ibanze byatuma birwanaho.

Duhereye ku bitekerezo twagejejweho n'abahuguwe, turabona imiterere kimwe n'imikorere y'inzego bibongamira imiryango myinshi cyane cyane mu ntangiriro yayo. Icungamari naryo ryaragaragaye ribongamira imikorere y'imiryango muri rusange. Ni yo mpamvu imiterere n'imikorere y'imiryango imwe n'imwe na bimwe mu bitabo by'ibanze mw'icungamari bitirengagijwe muri iri hugurwa.

Imiterere n'imikorere y'inzego

Ntawuzamukira ku rwego ngo ahere ku rwa nyuma cyangwa ngo yirengagize akamaro ku rwo hagati. Inzego zose ni ngombwa kandi ni magiririrane. Umuryango kuva ku w'umugabo, umugore n'abana - aho uva ukagera, ugira inzego. Imiterere n'imikorere y'inzego iratandukana bitewe n'intego ndetse n'ubunini bw'umuryango.

Urugero : Inzego za M.R.N.D. ntizingana n'iza sosiyete runaka.


Duhereye kuri koperative tuzi ko inama rusange yitoramo abakuru mu bareshya kugirango bibabere amaso, abatowe n'inama rusange ni bo bagize inama y'ubutegetsi kandi umubare wabo uterwa n'ubwinshi bw'abanyamuryango. Abo bagize inama y'ubutegetsi bitoramo perezida, visi-perezida n'umwanditsi akaba ari bo bagize ibiro by'inama rusange bashyiraho n'umucungamari ndetse n'abakozi bakuru ba koperative.

Abanyamuryango kandi bishyiriraho n'abagenzuzi b'imari bakurikiranira hafi imirimo y'umucungamari ndetse bakanegura n'imikorere y'izindi nzego cyane cyane mu kutubahiriza amategeko.

Nyamara bitewe n'uko koperative ishingwa n'abantu baziranye, bahuje ibibazo kandi bakanabikemura kimwe, ntibakora nka sosiyete umuntu ashora mo imari agategereza gusa inyungu izamubyarira.

Mw'ishyirahamwe kimwe no muri koperative, abanyamuryango barareshya kandi gukorana n'umuryango ni ngombwa.

Ku buryo bushushanyije, izo nzego zikurikirana zitya :




Buri rwego rushyikiriza ubutumwa abarushyizeho, uretse ko inama y'ubugenzuzi ishobora kuregera abanyamuryango imikorere mibi y'inama y'ubutegetsi igihe bibaye ngombwa. Abajyanama nabo kandi bashobora kunenga imikorere y'abagenzuzi, maze inama rusange ikabafatira ibyemezo. Izo nzego zombi rero ziragenzurana kandi ntizitegekana.

Urugero : Abajyanama cyangwa abagenzuzi b'imari bashobora kwumvikana n'abakozi mw'isesagura cyangwa inyereza ry'umutungo wa koperative.

Birumvikana ko imikorere y'abantu baziranye itandukana na none n'umushinga ushobora gukorana n'abantu benshi cyane kandi bataziranye.

Urugero rw'imiterere y'inzego za koperative rutuma twumva neza imiterere n'imikorere y'inzego z'indi miryango. Byose bifite imvano dore ko n'amagambo amwe atandukana bitewe n'ahantu iryo jambo rikoreshwa.

Nko muri koperative nini, jera cyangwa diregiteri bakenera umucungamutungo (comptable) akenshi ukorana n'impapuro bityo umubitsi (caissier) agakorana n'amafaranga. Mu mashyirahamwe tumenyereye kuvuga umubitsi kuko n'akenshi akazi akora katakenera n'impapuro cyangwa ibitabo byinshi. Mu bigo byigenga cyangwa muri Leta, abacungamari (gestionnaires) bacunga imari bifashishije impapuro kimwe n'abacungamutungo.

Icyangombwa si ukumenya uko bitwa, ahubwo kumenya itandukanyirizo riri hagati y'umutungo, imari n'amafaranga nibyo ngombwa.

Akenshi iyo tuvuze amafaranga, twumva abarika cyangwa ayagoboka umuntu muri ako kanya. Byose ni ukubyumvikanaho kuko na sheki hari aho ifatwa nk'amafaranga umutungo kimwe n'imari byabyara amafaranga dore ko, tumenyereye no kubiha agaciro muri yo. Icyakora imari yabyara amafaranga vuba kurusha umutungo.

Urugero : Amafaranga ari mu gasozi (ayo natanze mo imyenda ndetse n'ari muri banki) nayabarira mu mari yanjye kandi inzu, intebe cyangwa ibindi biramba nkabyita umutungo ariko sinibagirwe ko kuva ku isambu kugeza ku mafaranga ntunze mu mufuka, byose bibarwa mu mutungo wanjye.
Umutungo ugizwe n'utwanjye twose kandi twose n'imari ishobora kumbyarira amafaranga.

Ibitabo by'ibanze mu icungamari

Twabonye ko umutungo w'ishyirahamwe, wa koperative, sosiyete cyangwa uwikorera ku giti cye, uhabwa agaciro mu mafaranga. Uretse rero n'ako gaciro, birumvikana ko umutungo ugira inkomoko kandi ukagira n'aho uherera. Umutungo ukomoka henshi kandi ugakoreshwa kwinshi. Waba impano, inguzanyo, inyungu ku byakozwe, umutungo ni ngombwa kugira aho uherera. Ushobora guherera mu bintu bitayega, biramba, bibyara amafaranga vuba cyangwa amafaranga ubwayo.

Ubwo rero ibyo byose bigomba kwandikwa nibura ahantu habiri ari ho, inkomoko n'igikorwa wabyaye. Mu bitabo by'ingenzi twibanzeho muri iri hugurwa ni IGITABO CY'ISANDUKU cyitwereka uko imari (amafaranga abarika) yinjiye n'uko yasohotse. Ukoresha amafaranga wese agomba gukenera icyo gitabo kugirango akurikirane imikoreshereze y'ayo mafaranga. Kubera kandi ko ayo mafaranga adapfa kwinjira cyangwa ngo asohoke, hari n'ibindi bitabo ndetse n'ibyemezo byerekana aho yavuye n'aho yagiye.

Urugero : Niba koperative yarakuye amafaranga ku migabane y'abayigize cyangwa inguzanyo yahawe ni ngombwa igitabo cy'isanduku n'igitabo cy'imigabane ndetse n'icy'inguzanyo byerekana inkomoko y'ayo mafaranga abitswe mu isanduku. Birumvikana ko igihe, ayo mafaranga abikijwe muri banki andi akagurwa ibicuruzwa, hazakenerwa igitabo cya banki, icy'ibyaranguwe, impamyabuguzi ndetse n'ifishi y'ibibitswe byerekana aho ayo mafaranga yagiye.

Ibitabo bikenerwa mu icungamari kimwe n'ibyemezo, ni byinshi cyane ariko, mbere yo kwibanda ku cy'isanduku, twabanje kuzirikana ko ibyo bitabo bitagomba kuba byandikishijwe imashini cyangwa ikaramu runaka dore ko nta n'urupapuro nshinganwa rwabuhariwe. Icya ngombwa, ni ibisobanuro n'amagambo by'ingenzi bigomba kugaragazwa n'ibyo bitabo cyangwa ibyo byemezo.

Ibitabo cyangwa ibyemezo bikurikira bitwereka akamaro ko kwandika nibura habiri (comptabilité à partie double) kuko n'ukeneye kugenzura cyangwa kwigenzura abikenera. Nta rubanza rw'umwe, igitabo kimwe nticyatanga umugabo mu mikoreshereze y'imari.

Bimwe muri ibyo bitabo n'ibyemezo bijyana n'igitabo cy'isanduku ni ibi :

- igitabo cy'ibyaranguwe ;
- igitabo cy'ibyacurujwe ;
- igitabo cy'imigabane ;
- igitabo cy'abatishyuwe ;
- igitabo cy'abatishyuye ;
- agatabo ka banki ;
- igitabo cy'imishahara ;
- igitabo cy'itubya-mutungo ;
- igitabo cy'iyongera-mutungo ;
- ifishi y'ibibitswe ;
- impamyabuguzi ;
- indangabintu-mperekeza ;
- icyemezo.

Igitabo cy'isanduku cyandikwamo uko amafaranga abarika yinjiye n'uko yasohotse. Naho ibitabo n'ibyo byemezo bikaba intangamugabo.

Mu byitonderwa, tugomba kumenya ko igikorwa cyandikwa ari uko cyabaye, naho igiteganywa gukorwa nticyandikwa muri icyo gitabo. Ibyo bituma ntagikorwa cyandikwa kenshi kandi cyakozwe rimwe.

Birumvikana kandi ko amafaranga abarika aho ari hose, abarirwa muri icyo gitabo.

Urugero : Amafaranga abikujwe muri banki, ayishyuwe n'uwahawe umwenda, avuye mu bicuruzwa cyangwa ahandi, aza kwongera asanzwe mw'isanduku. Icya ngombwa si ukuba abitse mu mutamenwa (coffre-fort), icy'ingenzi ni uko abarika.

Niba ntawe ubana mw'isanduku, amafaranga atarimo, ntibivuga ko ayo atabitse mu mutamenwa atabarirwa mu atunzwe mu isanduku (twavuga nk'abikujwe muri banki agahita akoreshwa atagombye gushyirwa mu isanduku).

Bamaze kubona uko igitabo cy'isanduku giteye, abaje mu ihugurwa bakoze umwitozo ufitanye isano n'umubitsi w'ishyirahamwe ribaza.

Uwo mwitozo wakosorewe mu ruhame ariko bose ntibakurikiraga neza, ari nacyo cyatumye bifuza kwongera guhugurwa mu byerekeye icungamari cyane cyane muri icyo gitabo gikenerwa na buri wese igihe cyose.

C. UMWANZURO

Ari abanyamyuga bibumbiye mu mashyirahamwe, ari n'abikorera ku giti cyabo, bose bakeneye guhugurwa mu micungire y'imari ndetse no mu mikorere ya za koperative.

Nta n'umwe utarishimiye akamaro ka koperative dore ko n'abenshi bahuriye nko ku kibazo cyo kubona ibikoresho (urugero : imbaho) bumva ko kwishyira hamwe mu makoperative byababakemurira ibibazo byinshi. Nta mugayo kandi abenshi ni ababaji uretse SEKABWA Alexis ukora imigati, abandi basa n'abahuje umwuga bityo n'ibibazo bahura nabyo bijya gusa.

Mu byerekeye gusobanukirwa amategeko agenga imiryango y'ubufatanye nka za koperative, ishyirahamwe I.A.R. ni intanga-rugero mu yohereje intumwa mu ihugurwa.

Ariko kugeza ubu ikibazo cyo kubona abandi banyamuryango kirabugarije. Nyamara se AJEMU cyangwa P.C.M.G. yo si amashyirahamwe azitiwe cyane no kudasobanukirwa imikorere n'imiterere y'inzego zigize umuryango w'ubufatanye nka koperative. Dore ko muri AJEMU ho nta n'itegeko na rimwe bagendaraho.

Birumvikana ko na MWUMVANEZA Céléstin wikorera ku giti cye, ku buryo bw'intangarugero, n'ubwo wenda atakenera kuba muri koperative runaka atabogamirwa no kuba muri sosiyete runaka. Byose byicwa no kutabimenya.

Naho ku byerekeye imicungire y'imari, abo banyamyuga, amaherezo bazakenera kwiyigira imishinga kuko umushinga "Micro-réalisations" utazatura nk'umusozi.

Ibyo ntibyagerwaho mu kwezi kumwe, ariko agatambwe ka buri munsi, umubyeyi w'igihugu ahora atwibutsa, kagomba guterwa buri gihe.

Niba abanyamyuga bo muri Kibungo baragize amahirwe yo kwitabwaho hakiri kare, amasomo baherewe ubuntu agomba no kugirira akamaro bagenzi babo batagize ayo mahirwe. Buhoro buhoro ni rwo rugendo, amaherezo ntawe uzajya yirukira inguzanyo y'amafaranga itari ngombwa cyangwa ngo ayitinye kandi bigaragara ko ayikeneye kandi yamugirira akamaro.

Ababonye inguzanyo bakeneye inama zo kuyicunga neza kandi n'abatarayi-bona,bayikwiye, bazayibona banamenye n'uko icungwa.

## IMIGEREKA

### 1. ABAHUGUWE

| AMAZINA | Amashuri yize | Umurimo n'aho akorera |
|---|---|---|
| SEKABWA Alexis | 6 abanza | Umutetsi w'imigati, arikorera |
| MUBERANGEYO Gérase | 6 abanza | Umubaji, AJEMU |
| NDABIKUNZE André | CERAI | Umubaji, AJEMU |
| BYABAGABO Joseph | CERAI | Umubaji, AJEMU |
| KANYABUTARE Ernest | CERAI | Umubaji, COMENYA |
| NSENGIYUMVA Vincent | CERAI | Umubaji, COMENYA |
| NSHOGOZA Céléstin | CERAI | Umubaji (Perezida), COMENYA |
| NSABIMANA Joseph | CERAI | Umubaji |
| HAVUGIMANA Evariste | 6 abanza | Umunyamuryango (Visi-perezida) P.C.M.G. |
| MWUMVANEZA Céléstin | 6 abanza | Umubaji, arikorera |
| RUBAGUMYA Gérase | CERAR | Umubaji, arikorera |
| NIYOYITA Justin | 8 abanza | Umubaji (umubitsi), ABADATENGUHANA |
| NZABANITA Onesphore | 3 abanza | Umubaji, P.C.M.G. |
| MPIRANA Emile | CERAI | Umubaji (Visi-perezida), ABADATENG. |
| HABIYAKARE Jean | 6 abanza | Umubaji (Perezida), I.A.R. |
| KAROKORA Jérémie | 6 abanza | Umubaji, I.A.R. |
| MWESANKWAYA Hormisdas | 6 abanza | Umubaji (umubitsi), I.A.R. |
| NIZEYIMANA Cyriaque | | Umubaji (Perezida), ABADATENGUHANA |

Icyitonderwa : Bose ni ubwa mbere bahugurwa uretse Mwesankwaya Hormisdas wakurikiranye kenshi amahugurwa ya Centre IWACU.

| Umunsi | Ukwezi | Umwaka | Urukulikirane rw'ibikorwa | Impamvu | Ayinjiye | Asohotse | Ahali |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | Amafaranga yimuwe | | | |
| | | | | | | | |
| | | | | | | | |
| | | | | | | | |
| | | | | | | | |
| | | | | | | | |
| | | | | | | | |
| | | | | | | | |
| | | | | | | | |
| | | | | | | | |
| | | | | | | | |
| | | | | | | | |
| | | | | | | | |
| | | | | | | | |
| | | | | | | | |
| | | | | | | | |
| | | | | | | | |
| | | | | | | | |
| | | | | | | | |
| | | | | | | | |
| | | | | | | | |
| | | | | | | | |
| | | | | | | | |
| | | | | | | | |
| | | | | | | | |
| | | | | | | | |
| | | | | | | | |
| | | | | Amafaranga yimutse | | | |

# 3. IFISHI Y'IBIBITSWE

ISHYIRAHAMWE .................................................................... Nomero y'ifishi ..............................

B.P. ......... ................................................................ Igicuruzwa ..................................................................

Urugero-fatizo ..................................................................

| Umunsi | Ukwezi | Umwaka | Icyemezo nomero | Impamvu | Ikiranguzo kuli kimwe | Ibyinjiye | Ibisohotse | Ibihali |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | | | | |

ık 7431